

**ARRETE MINISTERIEL N°01/11/88. DU  
MINISTRE DES TRAVAUX PUBLICS ET DE L'ENERGIE  
PORTANT LE TAUX DE DIVERSES REDEVANCES  
DOMANIALES ET LE TARIF DES PRIX DE  
VENTE ET DE LOCATION DES TERRES  
DOMANIALES.**

**Le Ministre des Travaux Publics et de l'Energie,**

Vu le Décret du 11 Juillet 1960 sur le  
régime foncier au Rwanda-Urundi, spécia-  
lement en son articles 3;

Vu le décret-Loi n° 11/79 du 20 Avril 1979  
portant création et délimitation des  
circonscriptions urbaines ;

Revu l'arrête ministériel n° 02/05 du  
1 Juin 1982 renouvelant l'arrêté  
ministériel n° 01/79 du 24 Avril 1979  
fixant le taux de diverses redevances  
domaniales et le tarif des prix de vente  
et de location des terres domaniales ;

**ARRETE :**

**Article premier:**

Les terres domaniales sont réparties dans  
les catégories ci-après :

**Première catégorie :** Les terrains situés  
à l'intérieur des limites des circonscri-  
ptions urbaines.

**Deuxième catégorie :** Les terrains situés  
dans les secteurs contigus aux circonscri-  
ptions urbaines. Ces terrains constituent  
la première couronne.

**Toisième catégorie :** Les terrains situés  
dans les secteurs contigus à la première  
couronne.

**ITEKA RYA MINISITIRI N°01/11/88. YA  
MINISITIRI W'IMIRIMO YA LETA N'INGUFU  
RISHYIRAHO IMISORO  
Y'UBUTAKA N'IBICIRO BY'IGURISHWA  
N'UBUKODE BW'UBUTAKA BWA LETA.**

**Minisitiri w'Imirimo ya Leta n'Ingufu**

Amaze kubona iteka ryo kuwa 11 Nyakanga  
1960 ryerekeye ubutaka muri Rwanda-Urundi  
cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3 ;

Amaze kubona itegeko-teka n° 11/79 ryo  
kuwa 20 Mata 1979 rishyiraho imijyi  
kandi ryerekana imbago zayo ;

Yongeye kubona iteka rya Minisitiri  
n° 02/05 ryo kuwa 1 Kamena 1982  
rigumishaho iteka rya Minisitiri n° 01/  
ryo kuwa 24 Mata 1979 rishyiraho imisoro  
y'ubutaka n'ibiciro by'igurishwa  
n'ubukode bw'ubutaka bwa Leta ;

**ATEGETSE :**

**Ingingo ya mbere:**

Ubutaka bwa Leta bugabanyijwemo inzego  
zikurikira :

**Urwego rwa mbere:** Ibibanza biri mu mbago  
z'imijyi.

**Urwego rwa 2:** Ibibanza biri mu turere  
tubangikanye n'imbago z'imijyi.  
Ibyo bibanza bigize umuzenguruko wa mbere  
w'umujyi.

**Urwego rwa 3:** Ibibanza biri mu turere  
tubangikanye n'umuzenguruko wa mbere  
w'umujyi.

Ces terrains constituent la deuxième couronne.

Ibyo bibanza bigize umuzenguruko wa kabiri w'umujyi.

Quatrième catégorie : Les terrains situés dans les secteurs où se trouvent les chefs-lieux des Sous-Préfectures.

Urwego rwa 4 : Ibibanza biri mu turere twubatse ibiro bya za Su-Perefegitura.

Cinquième catégorie : Les terrains situés dans les secteurs des Centres commerciaux et de Négoce.

Urwego rwa 5 : Ibibanza biri mu turere turir amangazini n'amasoko.

Sixième catégorie : Les terrains qui n'entrent dans aucune des catégories précitées.

Urwego rwa 6 : Ibibanza bitabarirwa mu nzego zimaze kuvugwa.

Article 2 : Le loyer annuel des terrains situés dans les limites des circonscriptions urbaines est fixé comme suit :

Ingingo ya 2 : Igiciro cy'ubukode mu mwaka bw'ibibanza biri mu mbago z'imijyi gishyizweho gitya :

Circonscription urbaine : Type ou usage du terrain				
Umujyi		: Ubwoko bw'ikibanza cyangwa icyo kizakoreshwa.		
		: Industriel	: Résidentiel	: Commercial
		: Inganda	: Gutura	: Gucuruza
1. KIGALI : Quartier				
AKARERE		:	:	:
Nyarugenge	:	40 FRW/m <sup>2</sup>	80 FRW/m <sup>2</sup>	100 FRW/m <sup>2</sup>
Kimihurura- Kacyiru	:	30 FRW/m <sup>2</sup>	60 FRW/m <sup>2</sup>	75 FRW/m <sup>2</sup>
Ailleurs : Ahandi	:	20 FRW/m <sup>2</sup>	40 FRW/m <sup>2</sup>	50 FRW/m <sup>2</sup>
2. BUTARE				
GISENYI		:	:	:
	:	20 FRW/m <sup>2</sup>	40 FRW/m <sup>2</sup>	50 FRW/m <sup>2</sup>
3. GITARAMA				
CYANGUGU		:	:	:
RUHENGEE		:	:	:
RYUMBA	:	10 FRW/m <sup>2</sup>	20 FRW/m <sup>2</sup>	30 FRW/m <sup>2</sup>
NYABISINDU	:	:	:	:
RWAMAGANA	:	:	:	:

---

4. GIKONGORO	:	:	:
KIBUYE	: 5 FRW/m <sup>2</sup>	: 10 FRW/m <sup>2</sup>	: 20 FRW/m <sup>2</sup>
KIBUNGO	:	:	:

---

Lestaris ci-dessus sont applicables aux Ibiciro bimaze kuvugwa bikurikizwa ku buko  
contrats de location des terrains à usage bw'ibibanza byo guturamo bifite ubuso  
résidentiel ayant une superficie burenga ari esheshatu (a6)  
supérieure à Six ares (6 a.).

Pour les contrats de location des  
terrains à usage résidentiel ayant une  
superficie égale ou inférieure à six  
ares (6a) le tarif est réduit de  
moitié.

Article 3: Indépendamment des loyers  
dus pour les terrains loués, il sera  
perçu en cas d'extraction dans des  
terrains de pierres, calcaires,  
moëllons, gravier, sable, tourbe,  
terres servant à la fabrication de  
briques, tuiles, carreaux, cache-  
câbles et autres matériaux de terre  
cuite, une redevance de 80 FRW par:

- 1) tonne de chaux produite ou tourbe  
extraite ;
- 2) m<sup>3</sup> de moëllons, gravier, sable  
extrait ;
- 3) millier de briques, tuiles, carreaux  
pour pavement, cache-câbles et en  
général de tous matériaux en terre  
cuite fabriqués et de qualité courante.

Ku byerekeye ubukode bw'ibibanza byo  
guturamo bifite ubuso bungana cyangwa buri  
hasi ya ari esheshatu (a6), igiciro.  
kigabanywaho icya kabiri.

Ingingo ya 3: Uretse amafaranga y'ubukode  
atangwa ku bibanza bikodeshwa, byaba ari  
ibyo gucukura amabuye, ibumba, utubuye  
twubakishwa inkuta, umusenyi, umucanga,  
nyiramugengeri, urwondo ruvamo amatafari,  
amategura, amatafari اساسا mu nzu,  
ibitwikira insinga n'ibindi biva mu ibumba  
ritwitse, hazatangwa amafaranga 80 kuri :

- 1) toni y'ishwagara yakozwe cyangwa  
nyiramugengeri yacukuwe ;
- 2) m<sup>3</sup> y'utubuye twubakishwa inkuta, umusenyi  
umucanga wacukuwe ;
- 3) igihumbi cy'amatafari, cy'amategura,  
cy'amatafari اساسا mu nzu, cy'ibitwikira  
insinga n'ibikorwa mu gitaka gitwitse,  
byose kandi bikunda gukoreshwa.

En outre les extractions à réaliser sur des terrains concédés à usage autres que ceux définis à l'alinéa 1<sup>er</sup>, sont subordonnées à autorisation préalable et écrite des Ministres ayant les Terres et les Carrières dans leurs attributions ; l'octroi de cette autorisation donnera lieu au paiement de la différence existant entre le loyer primitivement convenu et la valeur locative du terrain calculée suivant sa nouvelle destination industrielle.

Article 4: Les extractions à réaliser dans les terrains non concédés sont subordonnées à autorisation préalable et écrite des Ministres ayant les Terres et les Carrières dans leurs attributions et donnent lieu à perception des redevances prévues à l'article 3 du présent arrêté.

Article 5: Sauf disposition contraire qui serait éventuellement insérée dans les cahiers des charges, l'extraction de matériaux destinés à des travaux à exécuter pour compte du Gouvernement donne lieu à perception des redevances dont question à l'article 3 du présent arrêté.

Article 6: Le tarif applicable en cas de vente des terrains situés à l'intérieur des limites des circonscriptions urbaines est fixé à dix fois le tarif de location des mêmes terrains.

Na none kandi, ubucukuzi mu bibanza bikodeshwa byagenewe gukorerwamo ibindi bitari ibyavuzwe mu gika cya mbere, bubanz gutangirwa uruhushya rwanditse rwa ba Minisitiri bashinzwe Ubutaka n'Ubucukuzi ; uhawe urwo ruhushya agomba gutanga amafaranga angana n'ikinyuranyo kiri hagati y'amafaranga y'ubukode asanzwe atangwa, n'amafaranga y'ubukode bw'ikibanza abarwa bakurikije imirimo mishya y'inganda izabikorerwamo.

Ingingo ya 4: Gucukura mu bibanza bitabigenewe bibanza gutangirwa uruhushya rwanditse rwa ba Minisitiri bashinzwe Ubutaka n'Ubucukuzi kandi bigomba gutangirwa amafaranga avugwa ku ngingo ya 3 y'iri teka.

Ingingo ya 5: Uretse igihe ingingo ishobor gushyirwa mu gitabo cy'ibigomba gukurikizwa mu bucukuzi ibivuze ukundi, ubusanzwe ubucukuzi bw'ibintu byagenewe imirimo ya leta butangirwa amafaranga avugwa ku ngingo ya 3 y'iri teka.

Ingingo ya 6: Igiciro gikurikizwa igihe cy'igurishwa ry'ibibanza biri mu mbago z'imijyi gishyizwe ku mafaranga angana n'inshuro cumi z'ay'ubukode bw'ubwo butaka.

Article 7: Le loyer annuel des terrains situés en dehors des limites des circonscriptions urbaines est fixé comme suit :

Ingingo ya 7: Igiciro cy'ubukode mu mwaka bw'ibibanza biri inyuma y'imbago z'imijyi gishyizweho gitya ;

Localité : Akarere	Type ou usage du terrain		
	:- Ubwoko bw'ibibanza cyangwa icyo kizakoreshe		
	Industriel	Résidentiel	Commercial
	Inganda	Gutura	Gucuruza
1. <u>1ère couronne</u> : Umuzenguruko wa mbere			
KIGALI	8 FRW/m <sup>2</sup>	16 FRW/m <sup>2</sup>	20 FRW/m <sup>2</sup>
BUTARE et GISENYI	6 FRW/m <sup>2</sup>	12 FRW/m <sup>2</sup>	16 FRW/m <sup>2</sup>
GITARAMA, CYANGUGU, RUHENGIERI, BYUMBA, NYABISINDU et RWAMAGANA	4 FRW/m <sup>2</sup>	8 FRW/m <sup>2</sup>	12 FRW/m <sup>2</sup>
GIKONGORO, KIBUYE, KIBUNGO	2 FRW/m <sup>2</sup>	4 FRW/m <sup>2</sup>	8 FRW/m <sup>2</sup>
2. <u>2ème couronne</u> : Umuzenguruko wa kabiri			
KIGALI	4 FRW/m <sup>2</sup>	8 FRW/m <sup>2</sup>	10 FRW/m <sup>2</sup>
BUTARE et GISENYI	3 FRW/m <sup>2</sup>	6 FRW/m <sup>2</sup>	8 FRW/m <sup>2</sup>
GITARAMA, CYANGUGU, RUHENGIERI, BYUMBA, NYABISINDU et RWAMAGANA	2 FRW/m <sup>2</sup>	4 FRW/m <sup>2</sup>	6 FRW/m <sup>2</sup>
GIKONGORO, KIBUYE et KIBUNGO	1 FRW/m <sup>2</sup>	2 FRW/m <sup>2</sup>	4 FRW/m <sup>2</sup>
3. Chefs-lieux des S/Préfectures	4 FRW/m <sup>2</sup>	8 FRW/m <sup>2</sup>	10 FRW/m <sup>2</sup>
Aho Su-Perefegitura zubatse			
4. Terrains situés dans les secteurs des centres commerciaux et de négoce			
Ibibanza biri mu turere turimo amangazini: n'amasoko	2 FRW/m <sup>2</sup>	4 FRW/m <sup>2</sup>	5 FRW/m <sup>2</sup>
5. Terrains qui n'entrent dans aucune des 6 catégories			
Ibibanza bitabwirwa mu nzego uko ari 6	1 FRW/m <sup>2</sup>	1 FRW/m <sup>2</sup>	1 FRW/m <sup>2</sup>

**Article 8:** Le tarif applicable en cas de vente des terrains situés en dehors des limites des circonscriptions urbaines est fixé à dix fois le tarif de location de ces mêmes terrains.

**Article 9:** Les dispositions générales suivantes régissent les contrats de vente et de location des terrains définis à l'article 1 du présent arrêté :

A. La durée du bail initial sera fixée de manière à permettre la réalisation du programme de mise en valeur.

B. A l'expiration du bail initial, si la mise en valeur est complètement réalisée, conformément à l'autorisation de bâtir délivrée, le locataire aura la faculté, soit d'acheter le terrain aux conditions déterminées, soit d'obtenir le renouvellement du bail.

C. A l'expiration du bail initial, si la mise en valeur n'est pas complètement réalisée, deux renouvellements consécutifs du bail pourront être consentis, chacun pour une durée d'une année ; les loyers pour ces deux périodes seront égaux au loyer en vigueur au moment de l'expiration du bail initial.

D. Le transfert éventuel du bail est soumis à l'autorisation du Ministre et la vente ne sera autorisée avant la mise en valeur complète du terrain.

Toutefois, la vente pourra être autorisée dès que la construction sera sous toit, lorsque le locataire établira qu'il y a intérêt majeur à obtenir la propriété.

**Ingingo ya 8:** Igiciro gikurikizwa igihe cy'igurishwa ry'ibibanza biri inyuma y'imba z'imijyi gishyizwe ku mafaranga angana n'inshuro cumi z'ay'ubukode bw'ubwo butaka.

**Ingingo ya 9:** Amategeko rusange akurikira agenga igurishwa n'ubukode bw'ibibanza bivugwa ku ngingo ya 1 y'iri teka :

A. Igihe cy'ubukode bwa mbere gishyirwaho ku buryo butuma gahunda y'imirimo irangira.

B. Iyo icyo gihe cy'ubukode bwa mbere kirangiye kandi gahunda y'imirimo nayo ikaba irangiye neza nk'uko bivugwa mu ruhushya rwo kubaka rwatanzwe, ukodesha ashobora guhitamo kugura ikibanza mu buryo bwemejwe cyangwa kongera kugikodesha.

C. Iyo igihe cy'ubukode bwa mbere kirangiye kandi imirimo itararangira neza, bashobora kongera gukodesha inshuro ebyiri zikurikiranye, inshuro imwe ikaba ihwanye n'umwaka umwe ; amafaranga y'ubukode muri ibyo bihe bibiri angana n'ayari yemewe igihe cy'ubukode bwa mbere cyarangiraga.

D. Guha undi ikibanza gikodeshwa bibanza kubonerwa uruhushya rwa Minisitiri kandi kukigura bizemerwa ari uko imirimo yarangiye neza.

Ariko rero, kugurisha ikibanza bishobora kwemerwa inzu imaze gusakarwa, iyo ukodesha amaze kwerekana ko hari impamvu zikomeye zituma akigura.

Le Ministre appréciera souverainement si cet intérêt justifie la dérogation à cette règle et fixera dans chaque cas les conditions spéciales auxquelles la vente sera subordonnée.

#### ARTICLE 10

A. Les terres concédées du domaine privé de l'Etat à destination agricole ou d'élevage sont classées en quatre catégories définies comme suit :

##### Première catégorie :

Les terrains situés à l'intérieur des limites de circonscriptions urbaines.

##### Deuxième catégorie :

Les terrains situés dans les limites des secteurs où se trouvent les chefs-lieux des Sous-Préfectures.

##### Troisième catégorie :

Les bandes de 150 m contigües aux 20 m de rive réservées au domaine public ou sises de part et d'autre des routes publiques déclarées d'intérêt général ou des axes routiers ainsi que les zones de 15 km contigües aux circonscriptions urbaines.

##### Quatrième catégorie :

Les terrains qui n'entrent dans aucune des catégories précitées.

#### ARTICLE 11.

Les prix de location annuelle des terrains à usage agricole ou d'élevage sont fixés comme suit :

Minisitiri areba ku buryo butavuguruzwa niba izo mpamvu zituma ashobora guca kuri iri tegeko kandi agashyiraho buri gihe amategeko yihariye igurishwa rizakurikiza.

#### INGINGO YA 10

A. Ubutaka butangwa buvanywe ku mwariko wa leta kugira ngo buhingwe cyangwa bwororwemo bugabanyije mu nzego enye zikurikira :

##### Urwego rwa mbere :

Ubutaka buri mu mbago z'imijyi.

##### Urwego rwa kabiri :

Ubutaka buri mu mbago z'uturere turimo ibiro bya Su-Perefegitura.

##### Urwego rwa gatatu :

Uturondorondo tw'ubutaka twa m150 turi muri m 20 z'inkombe z'amazi twagenewe leta cyangwa turi mu mpande zombi z'imihanda ya leta minini cyangwa imihanda mito kimwe n'uturere twa km 15 zegamiye imbago z'imijyi.

##### Urwego rwa kane :

Ubutaka butabarirwa mu nzego zimaze kuvugwa.

#### INGINGO YA 11.

Ibiciro by'ubukode mu mwaka bw'ubutaka bwagenewe ubuhinzi cyangwa ubworozi bishyizwaho bitya :

a) Terrains agricoles :

- Cultures vivrières :

- 2.500 FRW/ha pour la première catégorie.
- 2.000 FRW/ha pour la deuxième catégorie.
- 1.500 FRW/ha pour la troisième catégorie.
- 1.200 FRW/ha pour la quatrième catégorie.

- Cultures maraîchères et fruitières :

- 10.000 FRW/ha pour la première catégorie.
- 8.000 FRW/ha pour la deuxième catégorie.
- 5.000 FRW/ha pour la troisième catégorie.
- 2.000 FRW/ha pour la quatrième catégorie.

- Cultures industrielles :

- 1.000 FRW/ha pour la première catégorie.
- 800 FRW/ha pour la deuxième catégorie.
- 600 FRW/ha pour la troisième catégorie.
- 450 FRW/ha pour la quatrième catégorie.

b) Terrains pour l'élevage :

- 1.300 FRW/ha pour la première catégorie.
- 1.040 FRW/ha pour la deuxième catégorie.
- 740 FRW/ha pour la troisième catégorie.
- 500 FRW/ha pour la quatrième catégorie.

c) Terrains destinés :

- au parage du bétail de boucherie ;  
loyer annuel : 2.000 FRW/ha.
- à l'élevage du petit bétail (mouton, chèvre, porc) ; loyer annuel : 2.000 FRW/ha.

a) Ubutaka bwagenewe ubuhinzi :

- Ibihingwa ngandururugo :

- 2.500 FRW/ha ku rwego rwa mbere.
- 2.000 FRW/ha ku rwego rwa kabiri.
- 1.500 FRW/ha ku rwego rwa gatatu.
- 1.200 FRW/ha ku rwego rwa kane.

- Imboga n'imbutu :

- 10.000 FRW/ha ku rwego rwa mbere.
- 8.000 FRW/ha ku rwego rwa kabiri.
- 5.000 FRW/ha ku rwego rwa gatatu.
- 2.000 FRW/ha ku rwego rwa kane.

Ibihingwa n'nyaruganda :

- 1.000 FRW/ha ku rwego rwa mbere.
- 800 FRW/ha ku rwego rwa kabiri.
- 600 FRW/ha ku rwego rwa gatatu.
- 450 FRW/ha ku rwego rwa kane.

b) Ubutaka bwagenewe ubworozi :

- 1.300 FRW/ha ku rwego rwa mbere.
- 1.040 FRW/ha ku rwego rwa kabiri.
- 740 FRW/ha ku rwego rwa gatatu.
- 500 FRW/ha ku rwego rwa kane.

c) Ubutaka bwagenewe :

- kubyagizamo amatungo agomba kubagwa ubukode ku mwaka :  
2.000 FRW/ha.
- kororerwako amatungo akurikira (utama, ibene, imurubel) ;  
ubukode mu mwaka : 2.000 FRW/ha.



- à l'aviculture ; loyer annuel :  
2.000 FRW/ha.

- à la cuniculiculture ; loyer annuel :  
2.000 FRW/ha.

- à l'horticulture ; loyer annuel :  
2.000 FRW/ha.

1. Pour ces derniers terrains ainsi que ceux destinés aux cultures maraîchères et fruitières dans les limites des circonscriptions urbaines, des secteurs où se trouvent les chefs-lieux des Sous-Préfectures, la superficie maximale cessible est de 2 ha ; elle est de 4 ha partout ailleurs en dehors de ces zones.

2. Tous les terrains cités aux lettres a, b, c, seront loués pour un terme maximum de 5 ans sans option d'achat.

Toutefois sous réserve pour le locataire de recourir aux moyens de fertilisation du sol et à d'importants aménagements hydro-agricoles (dans les cas de drainage et d'irrigation), le bail pourra être renouvelé pour une ou plusieurs périodes de même durée ou de durée inférieure après un constat de mise en valeur établi par le Ministère ayant les terres dans ses attributions.

Les locataires pourront ériger sur le terrain loué des constructions en matériaux non durables pour le matériel, les étables et éventuellement un abri pour gardiens ; toute autre construction devra être subordonnée à une autorisation spéciale, préalable et écrite du Ministre ayant les terres dans ses attributions.

- kororerwamo ibiguruka; ubukode mu mwaka  
2.000 FRW/ha.

- kororerwamo inkwavu; ubukode mu mwaka  
2.000 FRW/ha.

- gukorerwamo ubusitani; ubukode mu mwaka  
2.000 FRW/ha.

1. Ku byerekeye ubu butaka bumaze kuvugwa, kimwe n'ubwageneze guhingwamo imboga n'imbuto buri mu mbago z'imijyi, mu turere twubatswemo Su-Perefegitura, ubuso ntarengwa bushobora gutanga ni ha 2; ziba ha 4 ahandi hose inyuma y'utwo turere.

2. Ubutaka bwose buvugwa ku nyuguti a,b,c, bukodeshwa mu gihe ntarengwa cy'imyaka itanu kandi ukodesha ntashobora kugura ubwo butaka.

Ariko rero, haseguriwe ko ukodesha ashobora gufumbira ubutaka no gukora imirimo ikomeye yo gukoresha amazi mu buhinzi( nk'igihe cyo guca imiyoboro y'amazi no kuvomerera imyaka), ubukode bushobora kuvugururwa igihe kingana n'icya mbere inshuro imwe cyangwa nyinshi, cyangwa buvugururwa mu gihe kiri hasi y'icya mbere, Minisitiri ishinzwe ubutaka imaze kureba ko imirimo yaranqiyeye.

Abakodesha bashobora kubaka ku butaka bukodeshwa amaze adakomeye yo kubikamo ibintu, y'ibiraro, wenda n'inzu y'abararirizi ; ubundi bwubatsi bwose buqombe kubanza gutabirwa uruhushya rwanditswe rudasanzwe rutashyirwa na Minisitiri ushinzwe ubutaka.

Article 12.

Le loyer annuel des terrains destinés uniquement au boisement en essences exotiques ou du pays est fixé à 10.000 FRW/ha.

Aucune construction n'est autorisée sur ces terrains dont la vente n'est pas consentie.

Article 13.

Le loyer annuel des terrains destinés à des postes d'achat de lait est fixé à 10 FRW/m<sup>2</sup>.

La vente de ces terrains n'est pas consentie.

Article 14.

Le loyer annuel des terrains destinés à l'établissement des postes de transit est fixé à 20 FRW/m<sup>2</sup>. Ces terrains ne sont pas vendus et les locataires ne pourront se livrer à aucun commerce, ni à aucune industrie sur ces terrains.

Article 15.

Le loyer annuel des terres destinées à la création des terrains de sport exclusivement est fixé comme suit :

- 1° Association sans but lucratif :  
1.000 FRW/ha.
- 2° Autres locataires : 5.000 FRW à 20.000 FRW/ha indivisible suivant la localité et la situation du terrain.

Ingingo ya 12.

Ubukode mu mwaka bw'ibibanza byagenewe gusuterwamo ibiti byo mu mahanga cyangwa byo mu gihugu bushyizwe ku mafaranga 10.000 kuri hegitari.

Nta nzu ishobora kubakwa muri ibyo bibanza kandi ntibishobora kugurishwa.

Ingingo ya 13.

Ubukode mu mwaka bw'ibibanza byagenewe gucururizwamo amata bushyizwe ku mafaranga 10 kuri m<sup>2</sup>.

Ibyo bibanza ntibishobora kugurishwa.

Ingingo ya 14.

Ubukode mu mwaka bw'ibibanza byagenewe kubakwamo amacumbi y'abari mu rugendo bushyizwe ku mafaranga 20 kuri m<sup>2</sup>.

Ibyo bibanza ntibishobora kugurishwa kandi ababikodesha ntibashobora kubicururizamo cyangwa kubikoreramo imirimo y'inganda.

Ingingo ya 15.

Ubukode mu mwaka bw'ibibanza byagenewe ibibuga by'imikino gusa bushyizweho gutya :

- 1° Amashyirahamwe adaharanira inyungu :  
amafaranga 1.000 kuri hegitari.
- 2° Abakodesha bandi : kuva ku FRW 5.000 kugeza ku FRW 20.000 kuri hegitari itaqabanywa bakurikiye akarere n'aho akibanza kiri.

Article 16.

Les terrains du domaine privé de l'Etat à destination de seconde résidence dans les sites à vocation touristique sont loués à un prix uniforme de 40 FRW/m<sup>2</sup> par an.

Article 17.

Le loyer annuel des terrains servant d'assiette aux routes, aqueducs, cannaux, pipelines, lignes téléphoniques, télégraphiques ou électriques, lignes de transport aérien ainsi qu'à toutes autres voies de transport privées, est fixé à 1.000 FRW le km indivisible avec un minimum de 600 FRW par contrat ou autorisation.

Article 18.

Les terrains affectés au camp de travailleurs ne comprennent que les superficies couvertes par les habitations, cuisines, latrines et les voies intérieures d'accès aux différents bâtiments ; toutefois sera considéré comme intégré dans le camp de travailleurs proprement dit tout terrain affecté au développement d'oeuvres et d'activités sociales pour autant que l'exploitant n'en fasse pas une activité lucrative. Le loyer annuel est de 1.000 FRW/ha.

Ingingo ya 16.

Ubutaka bw'umwihariko wa Leta bwateganyirijwe icumbi rya kabiri mu turere tw'ibyiza bitatswe u Rwanda, bukodeshwa ku giciro kimwe hose cy'amafaranga 40 kuri m<sup>2</sup> mu mwaka.

Ingingo ya 17.

Imirima icishwamo imihanda, amazi, imiyobo, y'amazi, ibitembo bya peterori, insinga za telefoni, iza telegarafi cyangwa iz'amashyamba razi, inzira zitwarwamo ibintu mu kirere, kimwe n'izindi nzira zose zo kunyuzamo ibintu no gutumanaho zitagengwa na Leta, ikodeshwa mu mwaka ku mafaranga 1.000 kuri km itagabanywe buri masezerano cyangwa uruhushya bikageze byibura ku mafaranga 600.

Ingingo ya 18.

Ibibanza bigenewe ikigo cy'abakozi bigizwe gusa n'ibibanza birimo amazu atuwemo, ibikoni imisarani n'utuyira banyuramo bava mu nzu banyirya ; ariko rero, ikibanza cyose cyagenewe guteza imbere ibikorwa by'imizamukira y'abaturage kibarirwa muri icyo kigo, igihe cyose ugikoresha atagamiye inyungu. Ibyo bibanza bukodeshwa mu mwaka amafaranga 3.000 kuri hegitari.

Article 19.

Les terrains visés par le présent arrêté doivent rester affectés aux usages pour lesquels ils ont été cédés ou concédés.

Toutefois, l'usage pourra être modifié avec l'autorisation spéciale et écrite du Ministre ayant les terres dans ses attributions qui fixera les prix et les conditions auxquelles la modification de l'usage est subordonnée.

Lorsqu'un terrain est destiné à plusieurs usages, les prix de vente et de location à appliquer sont ceux du tarif le plus élevé quant à la destination.

Article 20.

Le tarif des frais administratifs à percevoir en matière foncière est arrêté comme suit :

1) Pour un contrat, avenant, acte ou arrêté comportant au maximum deux pages de texte, sans croquis: 1.250 FRW.

2) Pour tout contrat, avenant, acte ou arrêté comportant au maximum deux pages de texte, avec croquis: 1.875 FRW.

3) Pour tout contrat, avenant, acte ou arrêté comportant plus de deux pages de texte, avec ou sans croquis: 2.500 FRW.

4) Pour toute annotation comportant un croquis : 1.250 FRW.

Ingingo ya 19.

Ubutaka buvugwa muri iri teka bugomba kugu gukorerwamo icyo bwagenewe.

Ariko rero icyo bwagenewe gishobora guhind bitangiwe uruhushya rwanditse rudasanzwe rw. Minisitiri ushinze ubutaka, ari nawe ushyiraho ibiciro n'ibya ngombwa by'iryo hinduka.

Iyo ikibanza cyateganyirijwe imirimo myinshi ibiciro by'igurisha n'iby'ubukode biba iby'ikibanza kirihirirwa amafaranga menshi.

Ingingo ya 20.

Amafaranga atangwa mu mirimo y'ubutegetsi yerekeye ubutaka ashyizweho atya :

1) Ku masezerano, ihindurwa ryayo, icyemezo cyangwa iteka bitarenga mpapuro ebyiri z'inyandiko zitariho ibishushanyo: FRW 1.250

2) Ku masezerano, ayo ariyo yose, ihindurwa icyemezo cyangwa iteka riri ku mpapuro ebyiri z'inyandiko ziriho ibishushanyo : FRW 1.875.

3) Ku masezerano, ayo ariyo yose, ihindurwa ryayo, icyemezo cyangwa iteka biri ku mpapuro ebyiri z'inyandiko ziriho cyangwa zitariho ibishushanyo : FRW 2.500.

4) Ku nyandiko, ayo ariyo yose isobanura, ibishushanyo : FRW 1.250.

Article 21.

L'arrêté ministériel n° 02/05 du 1 juin 1982, et l'arrêté ministériel n° 01/79 du 24 avril 1979 fixant le taux de diverses redevances domaniales et le tarif des prix de vente et de location des terres domaniales sont abrogés.

Article 22.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le ..... 1988

LE MINISTRE DES TRAVAUX PUBLICS  
ET DE L'ENERGIE

NZIRORERA Joseph.-

Ingingo ya 21.

Iteka rya Minisitiri n° 02/05 ryo kuwa 1 Kamena 1982 n'iteka rya Minisitiri n° 01/79 ryo kuwa 24 Mata 1979 rishyiraho imisoro y'ubutaka n'ibiciro by'igurishwa n'ubukode bw'ubutaka bwa Leta avanyweho.

Ingingo ya 22.

Iri teka rizatangira gukurikizwa ku munsiri zatangarizwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'U Rwanda.

Kigali, kuwa ... 25 JAN. 1988

MINISITIRI W'IMIRIMO YA LETA  
N'INGUFU

NZIRORERA Yozefu.-